


ISERU

SI UDUHERI DUTO GUSA



Iseru ishobora guteza ibyago,
by'umwihariko ku bana bakiri bato.

**Ibimenyetso
by'iseru
bikunze kuba
birimo:**



Umuriro ukabije
(ushobora kuzamuka
ukarenga dogere 104°F)



Gukorora



**Kugira
ibimwira**



**Gutukura
cyangwa kugira
amarira mu
maso**



Ibiheri
(bigaragara hagati
y'umunsi wa 3-5 nyuma
yuko ibimenyetso
bitangiye kugaragara)

Iseru ishobora gukomera.

Iseru ishobora gutera ibibazo by'ubuzima bikomeye, birimo umusonga, kubyimba ubwonko (encephalitis) hamwe n'urupfu.



Umuntu 1 muri 5 bandura
iseru ajalanwa mu bitaro.



Umwana 1 muri 20 bafite iseru bagira
umusonga, impamvu izwi cyane itera urupfu
mu bana bakiri bato barwaye iseru.



**Umuntu 1 muri buri bantu
1,000** bafite iseru agira ikibazo cyo
kubyimba ubwonko, bishobora gutera
kwangirika k'ubwonko.



**Umuntu 1 kugera kuri 3 mu
bantu 1,000** yicwa n'iseru.

Ibibazo itera by'igihe kirekire

Indwara idakunze kugaragara
ariko yica ituruka ku kwangirika k'ub-
wonko ishobora kugaragara
nyuma y'imyaka iri hagati y'irindwi (7)
n'icumi (10) umuntu yarakize iseru.



Ufite ububasha bwo kurinda umwana wawe.

Rinda abana bawe iseru by'igihe kirekire
umenya neza ko bahawe urukingo
rw'iseru-amashamba n'amahumane
(MMR). Vugana n'uguha serivise z'ubuvuzi.